TUMENYE UMURAGE TWASIGIWE N'UMUKURAMBERE WACU, MUSENYERI ALOYS BIGIRUMWAMI

Ahagana saa tanu za mu gitondo (11h00), ku itariki ya 3 Kamena 1986, Musenyeri Aloyizi BIGIRUMWAMI, Umwepiskopi wa mbere wa Diyosezi ya Nyundo, yaratabarutse. Musenyeri BIGIRUMWAMI ni muntu ki? Yadusigiye uwuhe murage? Ni iki tumwibukiraho? Ni izihe ndangagaciro zamuranze?

BIGIRUMWAMI yavukiye i Zaza mu Gisaka ku itariki ya 22 Ukuboza 1904, abatizwa ku munsi mukuru wa Noheli 1904. Ni umuhungu wa Yozefu RUKAMBA, umwe mu bakristu ba mbere ba Misiyoni ya Zaza. Afite imyaka icumi, mu mwaka w'1914, yagiye kwiga mu Iseminari ntoya ya mutagatifu Lewo Kabgayi. Nyuma yo kurangiza Iseminari nkuru yari yaratangiye mu w'1921, yahawe isakramentu ry'ubusaserdoti na Musenyeri Léon Paul CLASSE ku itariki ya 26 Gicurasi 1929.

Nyuma yo guhabwa ubusaserdoti yatangiriye ubutumwa bwe yigisha mu iseminari nto ya Kabgayi mu w'1929. Mu mwaka w'1930, yakoreye ubutumwa i Kabgayi n'i Murunda, muri 1931 yari muri Paruwasi y'Umuryango mutagatifu mbere y'uko mu w'1932 ajya i Rulindo. Bigirumwami yabaye Padri Mukuru wa Paruwasi ya Muramba imyaka cumi n'umunani ni ukuvuga kuva ku itariki ya 30 Mutarama 1933 kugeza ku ya 17 Mutarama 1951 agirwa Padri Mukuru wa Paruwasi ya Nyundo.

Ku itariki ya 14 Gashyantare 1952 yatorewe kuyobora Vikariyati nshya ya Nyundo yari imaze gushyirwaho na Papa Piyo wa XII. Yahawe ubwepiskopi ku itariki ya 01 Kamena 1952 i Kabgayi na Musenyeri Laurent DEPRIMOZ wayoboraga Vikariyati ya Kabgayi bityo aba Umwepiskopi wa mbere w'umwirabura mu bihugu by'Afurika byategekwaga n'ababiligi ni ukuvuga Kongo, u Burundi n'u Rwanda.

Nyuma yo kuba umushumba wa Vikariyati ya Nyundo, kuya 21 Ugushyingo 1952, Mgr Bigirumwami yagiye i Banneux mu Bubiligi maze ahavugira isengesho ryo gutura Vikariyati nshya ya Nyundo Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene.

Igihe Kiliziya gatolika yo mu Rwanda ihawe inzego bwite z'ubuyobozi na Papa Yohani wa XXIII mu Rwandiko "**Cum parvulum sinapis granum**" rwo kuwa 10 Ugushyingo 1959 Musenyeri Aloyizi Bigirumwami yabaye Umwepiskopi wa Nyundo.

Musenyeri Bigirumwami yarwanyaga icyabuza umunyarwanda kwishimira uwo ari we kandi arwanira kumwereka ko ntacyo atashobora, atanaretse amatwara ye ya Kinyarwanda.

Bigirumwami ni umunyarwanda w'umukristu wavukiye mu muryango w'abakristu. Ni umunyarwanda waharaniye guhesha igihugu cy'u Rwanda n'umuco wacyo ishema. Ni umukristu uha agaciro umuco karande w'abakurambere kandi ibyo ntibimubuze kuba umukristu nyawe, umuntu uhamye mu bukristu. Atoza buri wese muri twe kuba umukristu w'umunyarwanda. Yakoze ubushakashatsi ku muco w'abakurambere guhera mu mwaka w'1931. Yanditse cyane ku muco nyarwanda.

Nyuma y'umurimo utoroshye wo gushinga no guha Diyosezi ya Nyundo umurongo, Musenyeri Bigirumwami yaje kwegura ku buyobozi bwa Diyosezi ku itariki ya 17 Ukuboza 1973. Amaze kwegura yabaye muri Paruwasi ya Kivumu ndetse n'i Kigufi bityo akomeza gukora ubushakashatsi ku muco nyarwanda kugeza yitabye Imana ku itariki ya 3 Kamena 1986. Intego ye ni: "***Induamur arma lucis***", -Twambare intwaro z'urumuri- (Rom 13,12).

Ni uwuhe murage dukomora kuri Musenyeri Bigirumwami? Twakora iki rero ngo tuwubungabunge? Nimucyo duharanire kuba abakristu b'abanyarwanda, abanyarwanda b'abakristu. Duterwe ishema n'isheja ryo kuba turi abanyarwanda. Ibyiza biri mu muco wacu tubishimangire, ibitajyanye n'ubukristu tubireke.

Tumwigireho kubaka indangagaciro zihamye zizafasha u Rwanda kugera kure kandi heza. Dusome ibyo yanditse. Mgr Bigirumwami ni umwe mu ntwari za Kiliziya gatolika mu Rwanda.

Abbé Léonidas NGARUKIYINTWARI,
Prêtre diocésain de NYUNDO